

MINISTÈRE des finances et de l'
Économie

Exposé des motifs

Doc. A
page. 18

/MUSH. JAV/

REPUBLIQUE RWANDAISE.
MINISTÈRE DES FINANCES
ET DE L'ECONOMIE.
0-0-0-0

EXPOSE DES MOTIFS.
=====

- Les trois-projets de loi qui vous sont présentés visent à régler les problèmes relatifs au "droits intellectuels," notamment ceux concernent les Brevets, les Marques de Fabrique et de commerce ainsi que les Modèles et Dessins industriels.

Jusqu'à l'accession du Rwanda à l'indépendance, cette matière a été successivement réglée par la Belgique alors puissance Administrante du Rwanda, soit dans le cadre de l'Union administrative du Rwanda avec le Burundi, jusqu'au 30/6/62 lorsque le régime de tutelle sur les deux pays prit fin.

Il n'est peut-être pas inutile, pour une bonne compréhension des différents projets, de préciser certains termes.

On entend généralement par "brevets", un titre officiel, national, délivré à une personne et qui lui confère le droit à elle seule et à l'exception de tout autre, d'appliquer une méthode de fabrication, de créer, une installation, d'en faire usage et d'en faire usage et d'en vendre les produits sur le territoire pour lequel le titre est accordé et pour une certaine durée. Il s'agit en réalité d'un monopole temporaire de fabrication.

Tel que précisé ci-dessus, le brevet peut se présenter sous trois formes : celui d'invention, qui est le brevet proprement dit; celui de perfectionnement, lequel, entièrement lié au brevet d'invention, ne peut être exploité, que pour autant qu'en jouit du brevet d'invention, enfin celui d'importation qui est celui pour lequel l'inventeur aurait négligé de demander le droit de priorité.

REPUBLIKA Y' U RWANDA
MINISTERI Y' IMALI N' UBUKUNGU.
0-0-0-0

KUVUGA IMPAMVU.-
=====

- Aya mategeko ako ari atatu tubashyikirije agenewe gutunganya ibyerekeye kurengera ibihimbwa n' abahanga ("droits intellectuels") cyane cyane ibyerekeye umwihariko wo gukoresha ibyo wahimbye, ibime-nyetso bya fabrike n'iby'ubucuruzi, ingero n'ibishushanyo byerekana industrie.

Kugeza aho u Rwanda ruboneye ubwigenge, ibyo byabanje gutegekwa n'Ububiligi bwategekaga u Rwanda icyo gihe; mbere bubanza kubikomanya mu mategeko rusange ya Congo na Rwanda-Urundi, aho Congo ikubitiye incuru ubukolonize, Ububiligi busigara bubibumbatiye mu mitegekerere yabwo rusange ya Rwanda-Urundi kugeza kw'itariki ya 30/6/62 aho ibyo bihugu byombi byasezereye ubukolonize.

Ibisobanuro by'amagambo amwe byafasha kunva neza aya mategeko tugiye kubitanga mu bikulikira :

K'ubusanzwe bita "brevet" urupapuro rwa Leta y'Igihugu, umuntu ahabwa rukamuha ububasha bw'umwihariko bwo gukoresha uburyo bwe muli fabrikasiyo, bwo gushinga ibyuma n' inzu by'iyi fabrikasiyo, bwo gukoresha iyi fabrikasiyo kandi agacuruzira n'ibivuyemo muli icyo gihugu cyamuhaye brevet yabyo mu gihe cyagenwe. Mu by'ukuli ni uguhagaralira wenyine igihe kiringaniye iby'iyi fabrikasiyo.

Nk'uko tumaze kubibona haruguru, brevet ishobora kuboneka k'uburyo butatu : brevet yo guhimba, ali yo brevet y'ukuli, brevet yo gushyira akarusho ku bya himbwe, yo aliko igendana n'iyi guhimba, na brevet rero yo kuzana mu gihugu ibyahimbwe uwabihimbye atitaye ku bu-renganzira bwa mbere.

On entend également par "Modèles ou dessins industriels" toute composition de lignes, de figures, de couleurs ou de formes plastiques produites par quelque moyen technique et qui donnent à un produit connu un nouvel aspect ou une forme originale. C'est-à-dire qu'an ce domaine, tout se rapporte à l'aspect extérieur de l'objet. C'est en ce domaine également qu'en parle souvent de "droit d'auteur" c'est-à-dire ceux relatifs à la propriété de l'oeuvre d'art, impliquant le droit de reproduction et d'exploitation exclusif.

Enfin on entend généralement par "Marques de Fabrique" un signe extérieur ou distinctif servant à distinguer les produits analogues mis sur le marché par des entreprises concurrentes. Il est souvent recommandé de ne déposer comme marque que le nom de l'entreprise ou la raison sociale.

Une marque peut se présenter soit sous forme de "mots ou d'appellations", soit sous forme de symboles, par exemple un dessin ou une image qu'on choisit spécialement pour cela. On peut sur demande, enregistrer ensemble ou séparément, l'une et l'autre forme.

Du moment qu'une marque a été déposée, l'usage exclusif appartient à celui qui l'a utilisée le premier. Il peut aussi y avoir une marque collective si le dépôt a été effectué par des unions professionnelles, par les coopératives, les Associations sans but lucratif, l'Etat et les pouvoirs assimilés. Enfin, après avoir effectué un enregistrement national, le propriétaire d'une marque peut demander un enregistrement international.

Après ces quelques précisions, nous allons donner c-après un aperçu sur le régime légal des droits intellectuels tel qu'il a fonctionné jusqu'à l'accession du Rwanda à l'indépendance et nous montrerons rapidement les innovations nécessitées par notre nouveau régime juridique inauguré, le 1 juillet 1962.

Ibyo bita "Modèles cyangwa dessins industriels" imihurize yose y'imirongo, y'ibishushanyo, y'amabara cyanga uburanga bwose, bushobora guha ikintu isura nshya cyanga se imiterere-gatozi. Mulii ibyo rero icyo bitaho ni uburanga bw'inyuma bw'ikintu. Ni n'aho ndetse dusanga bavuga kenshi "Umwihariko wa nyiruguhimba, ali bwo bubasha bwo gutunga wenyine ubuhanga bw'icyo wahimbye, ni ukuvuga ko ali wowe rukumbi ufite uburenganzira bwo kubyazamo byinshi icyo wahimbye kandi ukanabicuruza.

Naho rero ibyo bita "Marques de Fabrique" k'ubusanzwe ni ikinyetso cyiyanyitse ahagaragara ngo gitandukanye ibicuruzwa bisa bihuriranjwe ku masoko n'amazu abikora arushanwa. Kenshi na kenshi inama nziza yaba iyo gufata amazina y'ayo mazu abikora ho za marwacu de fabrique.

Marque ishobora kwerekanwa k'uburyo bwinshi, ishobora kuza ali "ijambo cyangwa izina", ishobora kuza ali "urwibutso, mbese nk'igishushanyo cyangwa ishusho ryatowe ibyo. Ayo moko yose ya za marques ashobora kwandikirwa hamwe cyangwa se atandukanye biterwa na nyirabyo.

Mu gihe marque yabikijwe kwa Leta, uburenganzira bwo kuyikoresha wenyine buhabwa uwayikorosheje mbere y'abandi. Hashobora kuboneka na marque ihuriweho na benshi bita "marque collective" niba yarabikijwe n'ishyirahamwe ry'imiryango bita "Union professionnelles, za Coopératives, za Associations sans but lucratif aliko kuvuga imiryango idaharanira inyungu, cyangwa se niba yarabikijwe na Leta cyangwa Abategetsi ba Leta.

Nyuma, iyo umuntu yarangije kwandikisha mu Gihugu iki n'iki marque ye, ashobora no kuyandikisha mu isi yose, na none kubafite ubucuruzi burambuye.

Ubwu rero tumaze kubona ibi bisobanuro, tugiye kunyuzwa amaso ku mategeko yagenga za "droits intellectuels" nk'uko byagenda kugeza kuli indepandansi y'u Rwanda. Turagenda twerekana bwangu ibyagiye bihindurwa kugira ngo bihure n'Imitegekere mishya kuva kuli le 1/7/1962.

La loi du 21 Août 1925 sur le Gouvernement du Rwanda-Burundi ~~dé-~~
~~crée~~ que le Rwanda-Urundi, tout en gardant une personnalité juridique distincte, serait régi en principe par la législation Congolaise.

Aussi, jusqu'au 30 juin 1960, le Rwanda-Urundi reste en principe soumis à la législation prise pour le Congo en matière de droits intellectuels.

Par contre, son union administrative avec le Congo ayant pris fin à la date du 30 juin 1960, la législation congolaise ultérieure en matière de "droits intellectuels" est sans effet au Rwanda-Urundi.

D'autre part, si les dépôts de brevets, de marques et de modèles effectués avant le 30 juin 1960 à Léopoldville à Elisabethville et au Ministère des Colonies à Bruxelles, continuent à couvrir le Rwanda-Urundi tant qu'aucune disposition contraire n'existe en ce domaine, les dépôts effectués depuis lors pour le Congo Aussi-a-t-il fallu mettre sur pied un régime nouveau propre au Rwanda-Urundi.

Ce régime nouveau découle de l'Ordonnance législative n° 441/199 du 7 juin 1961 sur les Brevets, de l'ordonnance législative n° 441/197 du 7 juin 1961 sur les marques de fabrique et de commerce et de l'ordonnance législative n° 441/228 du 7 juin 1961 sur les Dessins et modèles industriels.

Mais, depuis l'accession du Rwanda à l'indépendance le régime instauré en 1961 ne peut plus fonctionner tel quel sans que certaines innovations, compatibles avec notre nouveau Statut juridique international, n'intreviennent. C'est la raison d'être des trois lois suivantes relatives, chacune aux Brevets, aux marques de fabrique et de commerce et aux Dessins et modèles industriels.

Itegeko ryo ku wa 21 Augusto 1925, ryerekeye imitegekere ya Rwanda-Urundi, ryahamije ko ibyo bihugu byombi b'agengwa n'amategeko ya Congo, n'ubwo ubwalyo lyagumana-ga imibereho-gahunda bwose.

Niyo mpamvu, kugera kw'itariki ya 30 yuni 1960, Rwanda-Urundi mu by'ukuli yagomba gukulikiza, amategeko yali yaragenewe Congo mu byerekeye "droits intellectuels."

Nyamara aliko imifatanyizwe y'Ubutegetsi na Congo iguye kw'itariki ya 30 yuni 1960, amategeko y'i Congo yavutse nyuma, mu byerekeye "droits intellectuels" nta gaciro yabonye muli Rwanda-Urundi.

Ndetse alibyo, n'ubwo za brevets na marques na modèles zabikijwe i Léopoldville na Elisabethville no muli Ministeri ya za Colonies i Bruxelles, zakomeje kugira agaciro bwose muli Rwanda-Urundi, kuko nta tegeko lishya lindi ryari ryarakuye iryo, byabaye ngombwa gushyiraho itegeko rya Rwanda-Urundi ryihariye mulibyo.

Ayo mategeko tuyasanga mu iteka n° 441/199 ryo ku wa 7/6/1961 ryerekeye brevets, no mu iteka n° 441/197 ryo ku wa 7 yuni 1961, ryerekeye marques de fabrique et de commerce, no mu iteka n° 441/228 ryo ku wa 7 yuni 1961 ryerekeye za Dessins na modèles industriels.

Aliho rero kuva Rwanda yegukanye independansi yayo, ayo mategeko yashyizweho mu wa 1961, ntashobora gukurikizwa ntacyo ahindutseho k'uburyo bukwiranye n'ikicaro cyacu mu nteko y'ibihugu by'isi. Niyo mpamvu y'aya mategeko ako ari atatu, imwe kuli za brevets, ilindi kuli za marques de fabrique, n'ilindi kuli za dessins na modèles industriels.

En ce qui concerne les Brevets la loi proposée, remplace dans l'art. 1 de l'ord. législative du 7 juin 1961 le mots "résident général" et "Rwanda-Urundi" respectivement par ceux de "Ministre ayant l'économie dans ses attributions" et de "Rwanda".

L'art. 6 porte le droit perçu pour la délivrance d'un brevet, de la somme de 2.000 prévu dans l'ancien régime à 3.000; tandis que l'art. 7 remplace les mots "Bulletin Officiel du Rwanda-Urundi," par les mots "Journal Officiel du Rwanda".

L'art. 10 a/ remplace "Rwanda-Urundi" par "Rwanda" et l'art. 11 remplace "Rwanda-Urundi" par "Rwanda." Idem. à l'art. 13.

Enfin l'art. 14, est une nouveauté à l'ancien régime.

En ce qui concerne les Marques de Fabriques et de commerce, l'art. 2. remplace les mots "Service des Affaires Economiques du Rwanda-Urundi" par "Ministère de l'Economie du Rwanda". A l'art. 4, les mots "Résident général" sont remplacés par "Ministre ayant l'Economie dans ses attributions" Idem à l'art. 6, A l'art. 9. les mots "Service des Affaires Economiques du Rwanda-Urundi". sont remplacés par "Ministère de l'Economie du Rwanda;".

Enfin, en ce qui concerne les Modèles industriels, l'art. 1, remplace les mots "Rwanda-Urundi" par "Rwanda", et les mots "Service des Affaires Economiques du Rwanda-Urundi," par "Ministère de l'Economie du Rwanda."

LE MINISTRE DES FINANCES ET
DE L' ECONOMIE;

G. CYIMANA.-

Kubyerekeye za brevet, itegeko dushyizeho risimbuza mu ngingo ya 1 ya Ordonnance y'amategeko yo ku ya 7/6/61 amagambo : "rezida rusange" na "Rwanda-Urundi" amagambo "Ministri utegeka ubukungu" na "Rwanda".

Ingingo ya 6 ivuga amafaranga baka uwo bahaye brevet ko ari 2.000 mu mategeko ya kera abaye 3.000, naho ingingo ya 7 asimburwa amagambo "Bulletin Officiel du Rwanda-Urundi", amagambo : "Bulletin officiel du Rwanda".

Ingingo ya 10 a/ isimbuza "Rwanda-Urundi" "Rwanda", n'ingingo ya 11, isimbuza "Rwanda-Urundi" "Rwanda." Ni kimwe no ku ngingo ya 13.

Naho ingingo ya 14 ni nshya ku mategeko ya kera.

Kubyerekeye ibimenyetso byo gukora n'iby'ubucuruzi, ingingo ya 2 isimbuza amagambo "Service des Affaires Economiques du Rwanda-Urundi" "Ministère de l'Economie du Rwanda". Mu ngingo ya 4 amagambo rezida general, asimburwa "Ministri utegeka Ubukungu." Ni kimwe no ku ngingo ya 6, ku ngingo ya 9, amagambo "Service des Affaires Economiques du Rwanda-Urundi" asimburwa na "Ministère de l' Economie du Rwanda".

Ku byerekeye "modèles industriels" ingingo ya 1 asimburwa amagambo Rwanda-Urundi "Rwanda," n'amagambo "Service des Affaires Economiques du Rwanda-Urundi", agasimburwa na "Ministère de l' Economie du Rwanda."

MINISTRI W'IMALI N'UBUKUNGU
BW' IGIHUGU.

G. CYIMANA.-

LOI N°.....DU.....1963
RELATIF AUX BREVETS.

ITEGEKO N°.....RYO KURI.....1963
RYEREKEYE ZA BREVET.

Article 1.

Celui qui le premier aura déposé, dans les formes déterminées par le Ministre ayant l'Economie dans ses attributions, la description d'une découverte susceptible d'être exploitée comme objet d'industrie ou de commerce, jouira au Rwanda, dans les limites décrites ci-après, des droits exclusifs d'exploitation.

Article 2.

Chaque dépôt donne lieu à la délivrance immédiate d'un reçu constatant le jour et l'heure du dépôt. La date du brevet est celle du dépôt de la demande.

Article 3.

La délivrance de brevet se fera sans examen préalable, aux risques et périls des demandeurs, sans garantie, soit de la réalité, soit de la nouveauté ou du mérite de l'invention soit de l'exactitude de la description, et sans préjudice des droits des tiers.

Article 4.

Les brevets sont de trois espèces : les brevets d'invention, les brevets d'importation et les brevets de perfectionnement.

Article 5.

La durée du brevet d'invention est de vingt ans. La durée du brevet d'importation est limitée par celle du brevet étranger, sans pouvoir excéder vingt ans.

Les brevets de perfectionnement prennent fin en même temps que le brevet principal.

Article 6.

La délivrance d'un brevet donne lieu au paiement d'une somme de 5.000 Fr.

Les brevets de perfectionnement ne sont soumis à aucune taxe. ..//..

Ingingo ya 1.

Uzabitsakwa leta mbere, mu buryo bwashyizweho na Ministri ugenaga Ubukungu, uburyo yehimbwe ikintu cyashobora kubyara industrie cyanga ubucuruzi, azagira mu Rwanda, ariko bigabanyijwe n'ibi bikurikira, ububasha bw'umwihariko bwo kugukuramo imali.

Ingingo ya 2.

Uko batanze brevet bazajya bahabwa ako kanya reyu ivuga umunsi n'isaha bikoreweho. Itariki ya Brevet ni iy'igihe basabaga ko bayandika.

Ingingo ya 3.

Gutanga za brevet ntibizagomba kubanza gusuzumwa, bizaharirwa aba ababisabye, ntawashingiye niba ikintu kiriho, cyanga ko igihimbwe ari gishya cyanga icyo kiruseho ibindi, niba uko akivuga ari byo, ariko ntibigire icyo bitwara abandi bafiteho uruhare.

Ingingo ya 4.

Za brevet zirimo amoko 3 : Brevet zo guhimba, brevet zo kuzana ibintu mu gihugu; brevet zo gukora ikintu ngo kurushaho guhimbika.

Ingingo ya 5.

Brevet yo guhimba imara imyaka 20. Igihe icyo kuzana ibintu kigabanywa n'igihe cya brevet yo mu bindi bihugu ariko ntibirenge imyaka makumyabili.

Brevet zo kugira ikintu kiza kurushaho, zirangirira rimwe na brevet yo guhimba.

Ingingo ya 6.

Guhabwa brevet bituma utanga amafanga 3.000. Za brevet zo kugira ikintu neza kurushaho ntizibazwa taxe. Bazishyurira mbere.

Article 7.

Il sera fait au Journal Officiel du Rwanda mention de la délivrance de chaque brevet. Cette publication sera faite aux frais de l'Administration.

Article 8.

Les titulaires d'un brevet ou leurs ayants-droit peuvent poursuivre devant les tribunaux ceux qui porteraient atteinte à leurs droits, faire condamner les contrefacteurs à des dommages et intérêts et, suivant le cas, faire prononcer la confiscation des objets confectionnés en contravention du brevet.

Article 9.

La juridiction saisie peut faire procéder à l'expertise des objets prétendus contrefaits ou les faire mettre sous scellés.

Article 10.

Le brevet sera déclaré nul, par les tribunaux, pour les causes suivantes :

- a) lorsqu'il sera trouvé que l'objet breveté a été employé, mis en oeuvre ou exploité par un tiers dans le Rwanda, dans un but commercial avant la date légale de l'invention, de l'importation ou du perfectionnement;
- b) lorsque le breveté dans la description jointe à sa demande aura, avec intention, omis de faire mention d'une partie de son secret ou l'aura indiqué d'une manière inexacte;
- c) lorsqu'il sera prouvé que la spécification complète et les dessins exacts de l'objet breveté ont été publiés antérieurement à la date du dépôt, à moins que, pour les brevets d'importation, cette publication ne soit exclusivement le fait d'une obligation légale à laquelle l'inventeur ne pouvait se soustraire.

Article 11.

Tout brevet d'invention ou de perfectionnement ayant pour objet une découverte déjà brevetée au Rwanda ou à l'étranger sera déclaré nul par les tribunaux.

Ingingo ya 7.

Bavuga mu kinyamateka cya Rwanda buri brevet itanzwe. Kubyandika bizakorwa n'amafaranga ya Leta.

Ingingo ya 8.

Abafite brevet cyanga ababisi-mbuye bashobora kurega mu rukiko abagira icyo bahugenyaho kububasha bwabo, bagacisha ababagerageza kuyigana indishyi y'aka babaro, cyingwa bagatuma ibintu bakozwe binyuranyije na ya brevet bifatwa na Leta.

Ingingo ya 9.

Urukiko ruregewe rushobora um-pimisha ibintu bavuga ko byiganywe bakazishyirishaho kashe.

Ingingo ya 10.

Brevet izitwa ko idafite agaciro n'inkiko kubera izi mpamvu :

- a) Nibabona ko ikintu cyahawe brevet kigeze gukora, gukoresha, guhahwamo inyungu n'umuntu wundi mu Rwanda agira ngo agicuruze mbere y'itariki yo kugihimba yemewe n'amategeko yo kukizana mu gihugu cyanga yo kukigira cyiza biruseho.
- b) Niba uhabwa brevet mu rupapuro avuga uko gikoze yohereza igihe ayisaba, kandi abishaka; atazavuga igice cy'ibanga rye cyanga akarivuga ku buryo butari bwo.
- c) Nibemoza ko ibyo akivugaho byose cyanga ibishusho bitunganye by'ikintu cyatangiwe brevet byaramenyekanishijwe mbere y'itariki yo gusaba brevet, kereka niba kuri za brevet z'ibintu biza uko kubitangaza byarategetse gusa n'amategeko awavumbuye atashoboraga gucaho.

Ingingo ya 11.

Brevet yose yo guhimba cyanga yo kugira ikintu cyiza biruseho y'ikintu cyahimbwe cyigatangirwa brevet mu Rwanda cyanga mu mahanga izitwa ko nta ga-
..//..

Le cas échéant, le brevet pourra être maintenu en brevet d'importation.

Article 12.

Un brevet d'importation sera déclaré nul par les tribunaux s'il est établi qu'il a été délivré à une personne autre que le titulaire du brevet étranger ou ses ayants-droit.

Article 13.

Lorsque la découverte brevetée n'aura pas été exploitée au Rwanda comme objet d'industrie ou de commerce dans les deux ans à dater de la mise en exploitation à l'étranger, l'annulation du brevet pourra être poursuivie devant des tribunaux par toute personne intéressée.

Article 14.

Il n'est pas porté atteinte, pour la durée restant à courrir du brevet, aux droits exclusifs d'exploitation au pays du Rwanda, obtenus conformément à la législation antérieure sur les brevets.

Article 15.

La présente loi entre en vigueur le.....

ciro ifite n'inkiko. Byaba bibaye bashobora kuyirekeraho nka brevet yo kuzana ibintu.

Ingingo ya 12.

Brevet yo kuzana ibintu inkiko zizavuga ko nta gaciro ifite, nibashobora kwerekana ko bayihaye undi muntu utari ufite brevet yo mu mahanga cyanga abashobora kufata ibye.

Ingingo ya 13.

Iyo icyahimbwe cyatangiywe brevet kitakoze mu Rwanda, nk'ikintu cya industrie cyanga cy'uburuzi mu myaka ibiri uhereye igihe batangiriye kugikoresha mu mahanga, kugira ngo iyo brevet ibe ubusa biazaregerwa imberey'inkiko na buri muntu ubishakako.

Ingingo ya 14.

Ku byerekeye igihe brevet imara, ntacyo dutwaye uburenganzira bw'umwiharikorwo gukora inyungu mu Rwanda, bwatanzwe. bikurikije amategeko yabanjirije aya yerekeye za brevet.

Ingingo ya 15.

Iri tegeko rizatangira gukora kw'itariki ya.....

ARRETE MINISTERIEL N°.....DU.....
.....1963 PORTANT MESURES D'EXECU-
TION DE LA LOI N°.....DU.....
.....1962 SUR LES BREVETS.

ITEKA RYA MINISTRI N°.....RYO KURI..
.....1963 RYEREKEYE UKO ITEGE-
KO N°.....RYO KURI.....1962
RIZAKORESHA KURI ZA BREVET.

A R R E T E :-

I T E K A :

Article 1.

Toute personne qui voudra prendre un brevet d'invention d'importation ou de perfectionnement, devra déposer une demande à cet effet auprès du Ministère de l'Economie.

A Cette demande seront jointes en double expédition :

- a) la description de l'objet inventé;
- b) les dessins, modèles en échantillons qui seraient nécessaires pour l'intelligence de la description;
- c) un résumé énonçant d'une manière précise et concise les caractères distinctifs qui constituent la nouveauté de l'invention.

Article 2.

La demande sera rédigée sur papier timbré; elle indiquera les nom, prénom, profession et domicile du demandeur.

Lorsqu'il s'agit d'un brevet d'importation, la requête fera connaître la date et la durée du brevet original et le pays où il a été concédé.

Article 3.

Toutes les pièces seront datées et signées par le demandeur ou par son mandataire, dont le pouvoir restera annexé à la demande.

Article 4.

Il sera délivré au demandeur ou à son mandataire un reçu des pièces déposées lequel constatera le jour et l'heure du dépôt.

Le reçu ne sera délivré que contre paiement du droit et mention y sera faite de ce paiement.

Article 5.

Le brevet mentionnera expressément que la concession en est faite sans examen préalable, aux risques et périls des demandeurs, sans garantie

Ingingo ya 1.

Umuntu wese uzashaka gufata brevet yo guhimba, kuzana ibintu, kubigira neza kurushaho, azagomba kubisabira icyo kwa Ministri w'Uukungu.

Kuri urwo rwandiko rubisaba bazongeraho, bakabyohereza ari impapuro ebyiri :

- a) Ibivuga ikintu cyahimbwe;
- b) ibishushanyo, ingero bafashe uduce dusa n'icyo kugira ngo umuntu yumve ibyo bakivugaho.
- c) Amagambo ahinnye avuga ku buryo butagoragoye kandi bw'ukuri ibinyetso bituma gitandukana n'ibindi bituma icyo bahimbye kiba gishya.

Ingingo ya 2.

Kubisaba bizandikwa ku rupapuro ru tangiwe tembure, ruzavuga izina irikirisitu, umwuga n'aho usaba atuye.

Nibiba brevet yo kuzana ibintu, urupapuro rubisaba ruzavuga itariki n'igihe brevet ya mbere izamara n'igihugu yatangiye.

Ingingo ya 3.

Impapuro zose zizashyirwaho itariki zisinywe n'usaba cyangwa intumwa ye, ariko ububasha bwe bukazajya hamwe n'urupapuro rubisaba.

Ingingo ya 4.

Bazaha uyisabye cyangwa intumwa ye reçu y'impapuro zatanzwe, iyo reçu ikazavuga umunsi n'isaha zatanzweho.

Reçu itangwa gusa bayishyuriye umunsi kandi bavugaga ko bavushyuriye.

Ingingo ya 5.

Brevet izavugaga yemuraye ko bayitanze batabanje gusuzuma, ubigaharirwa abayisabye, ntawishyuriye

soit de la réalité, soit de la nouveauté ou du mérite de l'invention soit de l'exactitude de la description et sans préjudice des droits des tiers.

Article 6.

La première expédition des brevets sera remise sans frais. Toute expédition ultérieure demandée sera certifiée conforme et soumise à une taxe de 500 francs.

Article 7.

Pour être opposable aux tiers toute cession ou mutation, totale ou partielle devra être publiée dans les formes prévues à l'article 7 de la loi n°.....du.....1963

A cette fin, la cession ou la mutation sera notifiée au Ministère de l'Economie, cette notification sera accompagnée d'un extrait authentique de l'acte de cession ou de mutation.

Article 8.

Seront également mentionnées au Journal Officiel du Rwanda, LES DECISIONS JUDICIAIRES, COULEES EN FORCE DE CHOSE JUGEE, prononçant l'annulation ou la mise dans le domaine public du brevet.

Article 9.

Le présent arrêté ministériel entrera en vigueur le..... 196..

Kigali, le.....196..

niba ari byo niba ikintu ari gishya icyo gihimbwe kurusha ibindi cyanga se niba uko akivuga ariko kimeze ariko ntibigire icyo bihuganyaho ibyo abandi bafiteho uburenganzira.

Ingingo ya 6.

Kwandika Brevet za mbere bizakorerwa ubusa. Izindi bazandika ubutaha bazazandika zisa n'izambere, kandi bazice tagisi y'amafaranga 500.

Ingingo ya 7.

Kugira ngo ayibuze abandi cyanga ayitange cyanga ayihindure, yose cyanga igice, bizatangazwa mu buryo bwategenyijwe ku ngingo ya 7 y'itegeko n°..... ruo ku wa.....1962.

Kubera ibyo, gutanga cyanga guhindura bizabwirwa Ministeri y'Ubugungu, urupapuro rubivuga ruza zana n'urundi rw'ukuri bukopora urwo batangiyeho cyanga bahinduriyeho.

Ingingo ya 8.

Bazavuga kandi muri Gazeti ya Leta y'u Rwanda, ibyo inkiko zabegutse, byabonye uburenganzira bw'icyacyiriwe urubanza, ivuga ko brevet nta gaciro igifite cyanga ko bayishyize mu bya Leta.

Ingingo ya 9.

Iri teka rishya rya Ministiri rizatangira gukora kuri..... 1962.-

Kigali, ku ya.....196.

**
X

LOI N°.....DU.....1962
RELATIF AUX MARQUES DE FABRIQUES
ET DE COMMERCE.

ITEGEKO N°.....RYO KURI.....
1962 RYEREKEYE IBILENYETSO BY4IBI6
KORWA. N°IBY'UBUCURUZI.

Article premier.

Est considéré comme marque de fabrique ou de commerce tout signe servant à distinguer les produits d'une industrie ou les objets d'un commerce.

Peut servir de marque dans la forme distinctive qui lui est donnée par l'intéressé, le nom d'une personne ainsi que la raison sociale d'une maison de commerce ou d'industrie.

Article 2.

Nul ne peut prétendre à l'usage exclusif d'une marque s'il n'en a déposé le modèle en double, avec cliché de sa marque, au Ministère de l'Economie du Rwanda.

Article 3.

Celui qui, le premier, a fait un usage notoire d'une marque, peut seul en opérer le dépôt.

Article 4.

Les conditions et formalités de dépôt seront fixées par le Ministre ayant l'Economie dans ses attributions.

Article 5.

Il est payé pour chaque marque déposée une taxe de 1.000 francs. Toute transmission de marque par acte entre vifs ou testamentaire est soumise à une taxe de 500 Fr.

Article 6.

Une marque ne peut être transmise qu'avec l'établissement dont elle sert à distinguer les objets d'industrie ou de commerce. La transmission n'a d'effet à l'égard des tiers qu'après le dépôt dans les formes prescrites par le Ministre ayant l'Economie dans ses attributions, d'un extrait de l'acte qui la constate.

Article 7.

Sont punis d'une amende ne dépassant pas 5.000 Fr. et sans préjudice des peines plus fortes prévues par le code pénal:

a) Ceux qui ont contrefait une marque et ceux qui ont frauduleusement

Ingingo ya mbere.

Bitu ikimenyetso oyo gukora cyanga cy'ubucuruzi ikimenyetso cyo gutandukanya ibivuye muri industrie cyanga ibintu bicuruzwa.

Izina ry'amuntu cyanga impamvu ibiteye y'inzu y'ubucuruzi cyanga ya industrie, bishobora kuba ikimenyetso mu buryo bubitandukanya cy'ububasha bihawe na Nyirabyo.

Ingingo ya 2.

Ntawe ushobora kuvuga ko yakwiharira gukoresha ikimenyetso, iyo atatanze modèle zacyo ebyili, n'ishusho ry'ikimenyetso cye muri Minisitari y'Ubukungu y'u Rwanda.

Ingingo ya 3.

Uwakoresheje mbere bigaragara ikimenyetso niwe ushobora kugitanga kwa Leta.

Ingingo ya 4.

Uburyo n'uko bagitanga bizashyirwaho na Ministari ugenga Ubukungu.

Ingingo ya 5.

Kuri buri kimenyetso gitanzwe bishyura tagisi y'amafaranga 1000. Kugira ngo uhe undi ikimenyetso ukiri muzima cyanga bakizungura byishyurirwa tagisi y'amafaranga 500.

Ingingo ya 6.

Ikimenyetso gishobora gutangwa gusa iyo gitanganywe n'inzu y'ubucuruzi gitandukanyiriza ibintu bya industrie cyanga by'ubucuruzi, gutanga marque bigira agaciro gusa iyo bamaze gutanga urupapuro rubivuga mu buryo bwategetswe na Ministari ugenga Ubukungu.

Ingingo ya 7.

Bahanishwa amande atarenga 5000 kandi ibyo ntibibuze ibindi bihano birushaho gukomera biteganywa n'Igitabo cy'ubuharira cyaha:

a) Abigana ikimenyetso cyanga abakoresha ku bwibi ikimenyetso ki-

fait usage d'une marque contrefaite;

- b) Ceux qui, frauduleusement, ont apposé sur les produits de leur industrie ou les objets de leur commerce une marque appartenant à autrui;
- c) Ceux qui ont sciemment vendu, mis en vente ou en circulation des produits revêtus d'une marque contrefaite ou frauduleusement apposée.

Article 8.

L'action publique ne peut être poursuivie que sur la plainte de la partie lésée.

Article 9.

Le dépôt d'une marque effectué en méconnaissance des droits des tiers sera déclaré nul par les tribunaux à la demande de tout intéressé. A la diligence du parquet le dispositif de tout jugement coulé en force de chose jugée et prononçant la nullité d'un acte de dépôt, sera transmis au Ministère de l'Economie du Rwanda aux fins d'émargement de l'acte de dépôt et pour faire donner à l'annulation la publicité requise.

Article 10.

Il n'est pas porté atteinte aux droits exclusifs d'usage dans la République Rwandaise, accordés conformément à la législation antérieure sur les marques de fabrique et de commerce.

Article 11.

La présente loi entre en vigueur le.....1963.

ganwe.

- b) Abazashyira, ku bivuye muri industrie yabo cyanga ibintu byo gucuruzwa, ku bwiby, ikimenyetso cy'undi.
- c) Abazacuruza babizi, abazacuririsha, abazatuma bizerera ibintu biriho ikimenyetso cyiganwe cyanga cya-shyizweho bya kijura.

Ingingo ya 8.

Leta ibikurikirana gusa iyo Nyiri-kimenyetso abiregeye.

Ingingo ya 9.

Gushyira kwa Leta ikimenyetso bikorwa biciye ku burenganzira bw'abandi, nyirubwite abisabye. inkiko zizavuga ko nta gaciro bifite. Parike niyo izatanga uburyo bw'urubanza rwaciwe kandi bavuga ko mara-que bashyize kwa Leta nta gaciro ifite bizoherezwa muri Ministeri y'Ubukungu bw'u Rwanda, kugira ngo babyandike iruhande rw'aho banditse mara-que no kugira ngo atangaze ko nta gaciro mara-que ifite.

Ingingo ya 10.

Ntacyo dutwaye uburenganzira bw'umwihariko bwo gukoresha muri Republika y'u Rwanda, bwatanzwe bikurikiye amategeko ya mbere y'aya ku bimenyetso byo gukora n'iby'ubucuruzi.

Ingingo ya 11.

Iri tegeko rizatangira gukora kw'itariki.....1963.

ARRETE MINISTERIEL N°.....DU.....
.....1963 PORTANT LESURES
D'EXECUTION DE LA LOI N°.....DU
.....1963 SUR LES MARQUES
DE FABRIQUE ET DE COMMERCE.

=====

A R R E T E :

Article premier

Les actes de dépôt de toutes les marques de fabrique ou de commerce existantes au Rwanda seront inscrites sur un registre spécial et signés tant par le déposant ou son fondé de pouvoir que par l'agent qui reçoit le dépôt.

La procuration reste annexée à l'acte.

L'acte énonce le jour et l'heure du dépôt, et indique le genre d'industrie ou de commerce pour lequel le déposant à l'intention de se servir de la marque.

Il sera fait mention au Journal Officiel du Rwanda, des actes de dépôt des marques de fabrique ou de commerce, des actes de transmission et des jugements d'annulation.

Article 2.

Les dimensions du modèle de la marque à fournir en double exemplaire et du cliché, qui sera en métal, ne pourront excéder 8 centimètres de haut sur 10 centimètres de large.

Article 3.

Une expédition de l'acte de dépôt sera délivrée au déposant contre paiement d'une taxe. Sur cette expédition sera collé un modèle de la marque déposée.

Article 4.

Le dépôt d'un acte de transmission se fait dans les mêmes formes et conditions que celles prescrites pour le dépôt de la marque.

En outre, il sera fait mention de la transmission en marge de l'acte de dépôt; la même mention marginale sera inscrite sur l'expédition remise à la partie intéressée.

ITEKA RYA MINISTRI N°.....RYO KURI
.....1963 RYO GUSHYIRAHU
UBURYO ITEGEKO N°.....RYO KURI
.....1963 RIZAKORESHA
KU BIMENYETSO BYO GUKORA N'IBY'UBU-
CURUZI.

=====

I T E K A :

Ingingo ya mbere.

Ibyo gushyira kwa Leta bimenyetso byo gukora n'iby'Ubucuruzi bili mu Rwanda bizandikwa kuri registre yindi bizasinywa n'ubizanye cyanga umukorera n'umukozi ubyakiraye.

Kuvuga ko abimukorera biba bikumwe na marque. Urupapuro rwabyo ruvuga umunsi n'isaha bya tanzweho, rukavuga n'ubwoko bwa industrie cyanga bw'ubucuruzi ubitanze azakoresha icyo kimenyetso. Bazavuga muri gazeti ya Leta y'u Rwanda, za marque zo gukora n'iz'ubucuruzi zishyizwe ka Leta, impapuro zo kubihaha undi, urubanza rwaciwe ruvuga ko nta gaciro zifite.

Ingingo ya 2.

Ibipimo by'urugero rwa marque bitangwa mu mpapuro ebyiri nishusho y'icyuma, ntibizarenza santimetero 8 z'uburebure kuri santimetero 10 z'ubutambike.

Ingingo ya 3.

Kwandika impapuro zo gutanga marque bizakorerwa nyirubwite yishyuye tagisi. Kuri urwo rwandiko bazomakaho urugero rwa marque yashyizwe kwa Leta.

Ingingo ya 3.

Kwandika impapuro zo gutanga marque bizakorerwa nyirubwite yishyuye tagisi. Kuri urwo rwandiko bazomakaho urugero rwa marque yashyizwehwa kwa Leta.

Ingingo ya 4.

Gushyira kwa Leta marque uhayeho undi bikorwa mu buryo bumwe nk'ubwategetswe bayishyira kwa Leta. Byongeye bazavuga ko itanzwe iruhande

rwaho banditse marque. Ibyo bavuga ku ruhande bizandikwa ku rupapuro baha Nyirabyo.

Article 5.

Les intéressés pourront obtenir connaissance, sans frais, des marques déposées.

Article 6.

Le Chef du Service de l'Economie est chargé de l'exécution des devoirs incombant au Gouvernement en vertu des articles 1 et 5 de l'arrêté ministériel.

Article 7.

Le Présent arrêté ministériel entrera en vigueur le.....1963.

Kigali, le.....1963.

Ingingo ya 5.

Bene ubwite bashobora kumenya za marque zatanzwe ntacyo batanze.

Ingingo ya 6.

Umutware w'akazi k'ibyungura ubukungu ategetswe gukora imirimo ibazwa Leta bikurikira ingingo ya 1 n'iya 5 y'iteka rya Ministri.

Ingingo ya 7.

Iri teka rya Ministri rizatanzira gukora kw'itariki ya.....1963.

Kigali, kw'itariki ya.....1963.

LOI N°.....DU.....1963 SUR
LES DESSINS ET MODELES INDUSTRIELS.

Article 1.

Le propriétaire d'un dessin ou d'un modèle industriel, qui voudra se réserver le droit d'en revendiquer l'usage exclusif au Rwanda, devra en opérer le dépôt au Ministère de l'Economie du Rwanda.

Article 2.

Ce dépôt devra être effectué par la partie intéressée ou par son fondé de pouvoirs spécial.

En déposant son échantillon ou esquisse, le fabricant déclarera s'il entend se réserver l'usage exclusif pendant une, trois ou cinq années, ou à perpétuité. Il sera tenu note de cette déclaration.

Article 3.

Le déposant devra fournir un échantillon ou une esquisse du dessin ou du modèle, mis sous enveloppe scellée et revêtue de sa signature. Il lui en sera donné un reçu indiquant notamment le jour et l'heure du dépôt.

Article 4.

En cas de contestation sur le droit à l'usage exclusif d'un dessin ou d'un modèle, le tribunal de première instance saisi ordonne, s'il y a lieu, l'ouverture des enveloppes déposés par les parties.

Article 5.

Il est payé pour chaque dessin ou modèle déposé une taxe de 300, 500, 1000, ou 2000 francs suivant que le déposant entend se réserver l'usage exclusif pendant une, trois ou cinq années ou à perpétuité.

Toute transmission par acte entre vifs ou testamentaire est soumise à une taxe de 300 frs.

Article 6.

La durée de l'usage exclusif d'un dessin ou d'un modèle industriel est prorogé pour un nombre d'années prévu à l'article 2, sur demande expresse faite par le déposant trois mois ou moins avant l'expiration du terme dont il sollicite la prolonga-

ITEGEKO N°.....RYO KURI.....
1962 KU BISHUSHANYO N'INGERO BYA
GIHANGA (Industriels).

Ingingo ya mbere.

Nyirigishushanyo cyanga modèle industriel, uzashaka gukoresha yihariye ubwo burenganzira mu Rwanda, agomba kubishyira Ministri w'ibungura ubukungu bw'u Rwanda.

Ingingo ya 2.

Uko kubijyana kwa Ministri bikorwa na nyirabyo cyanga umuherera udasanze.

Atanga urugero cyanga icyo yatangiriyeho gukora, uwabikoze azavuganiba ashaka kugikoresha akihariye mu mwaka, itatu cyanga itanu cyanga se iteka. Bazandika icyo azavugaga.

Ingingo ya 3.

Ubishyira kwa Ministri agomba gutanga urugero busa nabyo cyanga icyo yakozwe mbere by'igishushanyo cyanga modèle bishyize mw'ibahasha bafungisha ubujeni kandi iriho sinyatire ya Bazamuha reçu ivuga umunsi n'isaha bitangiweho.

Ingingo ya 4.

Iyo haje urubanza ku burenganzira bwo gukoresha wenyine igishushanyo cyanga modèle, urukiko rwa lère Instance iyo baruregeye rutegeka, iyo ari ngombwa, gukingura amabahasha yashyizwe kwa Ministri w'ababurana.

Ingingo ya 5.

Bishyura buri gishushanyo cyanga modèle bishyizwe kwa Ministri. Taxe y'amafranga 300, 500, 1000 cyanga 2000 bitewe n'uko ubishyizeyo ashakabwo kubikoresha wenyine mu mwaka, itatu cyanga itanu cyanga iteka. Kubitanga, abantu ari bazima cyanga ari ababizungura bibazwa tagisi y'amafranga 300.

Ingingo ya 6.

Igihe azakoresha abiyihariye igishushanyo cyanga modèle industriel kirahindurwa ku myaka yateganyijwe ku ngingo ya 2 iyo uwabishyize kwa Ministri abisabye byeruye byibura amezi 3 igihe asaba ko bongera kirashyirwa.

tion. Celle-ci donne lieu au paiement de la même taxe que s'il s'agissait d'un dépôt nouveau.

Article 7.

Aucune transmission de dessin ou de modèle industriel n'a d'effet à l'égard des tiers qu'après dépôt, en extrait, de l'acte qui la constate.

Article 8.

Les conditions et formalités de dépôt de prorogation et éventuellement, de l'ouverture des enveloppes, seront fixées par le Ministre de l'Economie du Rwanda.

Article 9.

Il n'est pas porté atteinte, pour la durée restant à courir de la protection légale, aux droits exclusifs dans la République Rwandaise, accordés conformément à la législation antérieure sur les dessins et modèles industriels.

Article 10.

La présente loi entre en vigueur le..... 1963.

Uko kumwongerera bituma atanga tagisi ingana n'aho yaba abikije igishushanyo cyanga modèle bundi bushya.

Ingingo ya 7.

Guha undi igishushanyo cyanga modèle industriel bigira agaciro gu- sa imbere ya rubanda, iyo bamaze kubishyira kwa Ministri mu rupapuro rubyerekana.

Ingingo ya 8.

Ibitegetswe n'uburyo bwo kwongerera nyirigishushanyo cyanga modèle igihe cyanga se gukingura amabasha bizashyirwaho na Ministri w'ibyungura ubukungu bw'u Rwanda.

Ingingo ya 9.

Ntacyo dutwaye , kugihe gisigaye kirengerwa n'amategeko, uburenganzira bw'umwihariko muri Republika y'u Rwanda, bwatanzwe bikurikije amategeko ya mbere y'aya ku byerekeye ibishushanyijwe na modèles industriels.

Ingingo ya 10.

Iri tegeko rizatangira gukora kw'itariki ya.....1963.

n n n n n n n

ARRETE MINISTERIEL N°.....DU..
.....1963 PORTANT MESURE D'EXE-
CUTION DE LA LOI N°.....DU....
..... 1963 SUR LES DESSINS ET
MODELS INDUSTRIELS.

ARRETE :

Article premier.

Le dépôt d'un dessin ou d'un modèle industriel est constaté par un procès verbal portant un numéro d'ordre et mentionnant :

- 1° - le jour et l'heure du dépôt.
- 2° - le nom de l'intéressé et, si le dépôt se fait par mandataire, celui du fondé de pouvoirs;
- 3°.- la profession de l'intéressé, son domicile et le genre d'industrie auquel se rapporte le dessin ou le modèle;
- 4° - la déclaration du déposant quant à la durée pendant laquelle il entend se réserver l'usage exclusif du dessin ou du modèle;
- 5° - le paiement de la taxe de dépôt prévu à l'article 5 de la loi n°.....du.....1963.

Le procès-Verbal est dressé en deux exemplaires. Ces pièces sont signés tant par le déposant ou par son fondé de pouvoirs que par l'agent qui reçoit le dépôt.

La procuration reste annexée au procès-Verbal.

Le numéro d'ordre du procès-Verbal est reproduit sur l'enveloppe scellée remise par le déposant ou par son fondé de pouvoirs.

Article 2.

Le Service administratif qui dresse le procès-verbal de dépôt remet au déposant l'original destiné à établir la preuve du dépôt et du paiement de la taxe y afférente

Article 3.

La demande de prorogation de la durée de l'usage exclusif est adressée à l'autorité compétente pour recevoir le dépôt.

..//..

ITEKA RYA MINISTIRI N°.....RYO KURI
.....1963 RISHYIRAHU UBU-
RYO BWO GUKORESHA ITEGEKO N°.....
RYO KURI.....1962. KU BISHU-
SHANYIJWE NA MODELES INDUTRIELS.

I T E K A :

Ingingo ya mbere.

Gushyira kwa Ministri igishushanyije cyanga modèle industriel byerekanwa na procès verbal ifite numero y'umwanya byanditsemo kandi ikavuga ibi :

- 1° Umunsi n'isaha byashyizweyo
- 2° Izina rya nyirabyo cyanga se niba bikorwa n'intumwa, izina ry'uwabikoze.
- 3° Akazi ka nyirabyo, aho atuye n'ubwoko bwa industrie bugenewe igishushanyijwe cyanga modèle.
- 5° Kwishyura tagisi yo kubishyiramo yategenyijwe ku ngingo ya 5 y'itegeko yo kuri.....1963.

Procès-verbal yandikwamo obyiri. Izo mpapuro zisinywa n'ubishyizeyo cyanga ubimukorera n'umukozi ubyakiriye.

Kuvuga ko abimushinze bishyirwa iruhande rwa Procès-verbal.

Numero y'uko bikurikirana yandikwa kw'ibashya ifunze bidadiye itangwa n'ubishyirayo cyanga ubimukorera.

Ingingo ya 2.

Abakozi ba Leta bakoze procès-verbal y'uko babishyikiriye baha ubizanyepapuro rwanditse mbere rugenewe kuba umugabo ko babishyinguje n'uko batanze tagisi yabyo.

Ingingo ya 3.

Gusaba kwongera igihe cyo kubikoresha bya rwiharira bibazwa ugenewe kwakira ibyo bashyira iwe.

..//..

Article 4.

Lorsque le tribunal a ordonné l'ouverture des enveloppes contenant des dessins, des échantillons ou des modèles contestés, le greffier transmet d'urgence au fonctionnaire dépositaire des enveloppes, une expédition du jugement et l'invite à faire envoi au greffe sous plis recommandé, d'une copie du procès-verbal ainsi que des enveloppes scellées auxquelles le jugement se rapporte.

Le Tribunal fait procéder au dépouillement en présence des parties intéressées.

Article 5.

Une expédition du jugement prononçant la nullité des dessins ou de modèles industriels est transmise, par le greffier du tribunal, au Ministère de l'Economie.

Article 6.

Le dépôt de l'extrait de tout acte de transmission du droit exclusif d'usage d'un dessin ou modèle industriel se fait au Ministère de l'Economie.

Article 7.

Dans les cas prévus par les articles 3, 5, et 6, il est fait mention de la prorogation, du jugement ou de la transmission ainsi que du paiement des taxes en marge des exemplaires du procès-verbal de dépôt.

Article 8.

Les dépôts prorogations, cessations, déchéances ou annulation en matière de dessins ou de modèles industriels sont portés à la connaissance du public par la voie du Journal Officiel du Rwanda.

Article 9.

Les exemplaires des procès-verbaux de dépôt ainsi que tous les renseignements utiles en la matière sont communiqués, sans frais, au public.

Dans le but de faciliter les recherches, il est tenu au Ministère de l'Economie, un répertoire des indications contenues dans les procès-verbaux de dépôt.

Ingingo ya 4.

Iyo urukiko rwategetse gufungura amabashya arimo ibishushanyije, ingero cyanga modèles biburanye, greffier yoherereza bidatinze umukozzi ubitse amabashya, aho urubanza rwanditse akamubwira kwohereza mu biro by'urukiko, mu gipfunyika cyishyamba, kopie ya procès-verbal n'amabashya afunze bidadiye urubanza rwerekeye. Urukiko rufunguz'amabashya ababurana bahibereye.

Ingingo ya 5.

Urwandiko rw'urubanza ruvuga ko ibishushanyije na modèles industriels bidafite agaciro, rwohererezwa na Greffier w'Urukiko muri Ministeri y'ibiyungura ubukungu.

Ingingo ya 6.

Gushyira urupapuro rukopora urwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha wihariye igishushanyije cyanga modèle industriel bikorerwa muri Ministeri y'Ibyungura Ubukungu.

Ingingo ya 7.

Mu byateganyijwe n'ingingo ya 3, 5 na 6, bavuga ko bongereyeho, urubanza rukemuye cyanga bahaye undi, tagisi, bakabyandika hepfo y'urupapuro rwa procès-verbal yo kubishyungura.

Ingingo ya 8.

Kwongera igihe cyaza modèle n'ibishushanyije, kubitanga, iyo birangiye cyanga bavuze ko nta gaciro bifite bimenyeshwa Abaturage mu Gazeti y'u Rwanda.

Ingingo ya 9.

Impapuro za procès-verbal yo gushyira kwa Leta ibishushanyo na modèle n'ibindi babivugaho bimenyeshwa abaturage ku busa. Kugira ngo boroherwe akazi ko kubishyamba, bakora muri Ministeri y'Ubukungu liste y'ibiri muri za procès-verbal zo gushyira kwa Leta ibishushanyo na Modèles industriels.

Article 10.

Le Chef de l'Economie est chargé de l'exécution des devoirs incombant au gouvernement en vertu du présent arrêté et notamment de la Conservation des dépôts.

Article 11.

Le présent arrêté entre en vigueur le.....1963.

Kigali, le.....1963.

Ingingo ya 10.

Umutware w'Ibyunguza ubukungu ategotswe gukora imirimo ibazwa leta ituruka kuri iri teka cyane cyane kubika ibishushanyo na modères industriels bishyungujwe.

Ingingo ya 11.

Iri teka rizatangira gukora kw'itariki ya..... 1963.

Kigali, kw'itariki ya.....
.....1963.

Article 10

Le Chef de l'Economie est chargé de l'exécution des devoirs incombant au gouvernement en vertu du présent arrêté et notamment de la Conservation des dépôts.

Article 11.

Le présent arrêté entre en vigueur le.....1963.

Kigali, le.....1963.

Ingingo ya 10.

Umutware w'Ibyunguza ubukungu ategotswe gukora imirimo ibazwa leta ituruka kuri iri teka cyane cyane kubika ibishushanyo na modères industriels bishyungujwe.

Ingingo ya 11.

Iri teka rizatangira gukora kw'itariki ya..... 1963.

Kigali, kw'itariki ya.....
.....1963.